# Girinka iwacu

Icapwa rya kabiri



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

Umuvugo wo mu kiciro cya kabiri cyo gusoma 2

# Girinka iwacu



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Umuvugo wo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma

MAWOMBE Dina, yanditse iyi nkuru afite imyaka 14, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri Abanza cya Gitarama, Akarere ka Ngororero, Intara y'Uburengerazuba. Uyu muvugo we, GIRINKA IWACU ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.



Gahunda ya Girinka ni nziza
Yaje iwacu ikenewe cyane.



Ngo ubwo bukungu butugwe neza
Ubukene bwacu tubute ishyanga
Ubukire buze mu Banyarwanda.



Yaje iwacu ikuza imirire,
Ngo abana twese dushishe neza.



Nk'iri gwingira rirava hehe?
Nk'iyi bwaki ituruka hehe?
Ko mbona yugarije rubanda!



Dore inka nyinshi zaratanzwe
Kandi inyinshi zarabyaye
Amata yazo ubu agana hehe?



Ko mbona imborera iganje i Rwanda,
Imboga tweza zigana hehe?



Imbuto ni nyinshi iyo mu nkike
Izo mbuto zose ziribwa na nde?
Ntizigurishwa mugacura abana?



Ko mbona bugarijwe ari benshi
Kandi rwose dufite byose.



Girinka yacu idusize hehe?
Ko dutetereza uwayidutoje
Kandi ashaka ubukire iwacu.



Twamuhaye ishema mu bantu
Abana bahabwa iteka ibyabo.

# Umuvugo:
# **Girinka iwacu**

Gahunda ya Girinka ni nziza
Yaje iwacu ikenewe cyane.
Ngo ubwo bukungu butugwe neza
Ubukene bwacu tubute ishyanga
Ubukire buze mu Banyarwanda.

Yaje iwacu  ikuza imirire,
Ngo abana twese dushishe neza.
Nk'iri gwingira rirava hehe?
Nk'iyi bwaki ituruka hehe?
Ko mbona yugarije rubanda!

Dore inka nyinshi zaratanzwe
Kandi inyinshi zarabyaye
Amata yazo ubu agana hehe?
Ko mbona imborera iganje i Rwanda,
Imboga tweza zigana hehe?

Imbuto ni nyinshi iyo mu nkike
Izo mbuto zose ziribwa na nde?
Ntibigurishwa mugacura abana?
Ko mbona bugarijwe ari benshi
Kandi rwose dufite byose.

Girinka yacu idusize hehe?
Ko dutetereza uwayidutoje
Kandi ashaka ubukire iwacu.
Twamuhaye ishema mu bantu
Abana bahabwa iteka ibyabo.